Copie de jugement du Tribunal de Territoire

Affaire Nº3262/4I/ haburanwa imilimo

Urega	:SENDUGU	:RUHANGA	:BUKONYA	:RUHENGELI :
Uregwa	:GATAMBIYE	: "	: "	: " :

Tariki ya I8/I/58/ Abacamanza basomewe Matoleo Nº4340 yo kuwa 6/I2/57/ yo mu Rukiko rwa Intara ya Bukonya Bugarura,ababurana bombi bemera ko ibyanditse muli Matoleo alibyo bavuze;Babaza Sendugu icyamuteye kujurira.

I.-SENDUGU ati;icyambabaje kigatuma njurira nuko Gatambiye yamusenyeye,kandi aho atuye yarahaguranye na Rwamahungu,nawe akayiha BIGURI ba NABAHANBYA.

II.-GATAMBIYE yiregura avuga ati;iyo sambu andega niyo nahawe na Rwamahungu yimukiye mu Gahunga,ndetse anyereka nabo yali yarayituje mo ngo bajye bankorera nkuko nawe bamukoreraga,uwo SENDUGU yarabalimo nawe yarankoreraga hamwe n'abndi yatangiye kwanga kunkorera mu mwaka wa 56 mu kwezi kwa 7

Q.-Gatambiye,ibyo bintu muburana ubimaranye imyaka ingahe ?

R.-Nabihawe mu kwezi kwa 4 kuwa 55

Q.-Gatambiye ago Sendugu agereye aho hantu agukoreye kangahe kandi agukorera iki ?

R.-Yanyubakiye urugo,kandi ampa umubyizi I mu cyumweru,atangira ku ngandira mu mwaka wa 56,mpera ko ubwo murega mu Rukiko

Q.-Wabona abagabo bazi ko yagukoreye kuv'ubwo ?

R.-Ndabafite,ni RUBANGO-MAKIRWE-GAKARAMA

Q.-SENDUGU harubwo wigeze gukorera Gatambiye ?

R.-Keretse limwe gusa,nabwo mpingira inzoga kimwe n'abandi

Q.-Mwigabanya rya Chef Bisalinkumi,agabanya Kanyarwunga na Rwamahungu,isambu yawe ntirakajya muliyo migabane ?

R.-Yagiye muliyo migabanne,aliko naraguranye bantegeka ko ntacyo nzajya mukorera,nubu ntacyo ndamukorera

Abacamanza babaza ababurana bombi ko bemera ko Urukiko rwa Intara rwagiy eaho haburanwa,aliho h'imbago ya Rwamahungu na Kanyarwunga ?.R.-Bagiyeyo koko,babaza SEGISHABAGWE na RUZIRAMPUHWE koko bemeza ko iyo sambu ali ya Rwamahungu

Haza NTAGWABIRA ati;nduzi aba bantu baburana ibya data,kandi nabaregeye s/chef Rwamirera,ntimuzagire ngo sibabwiye mutarangiza urubanza rwabo;Urukiko rumusobanurira ko ibyo bitamubuza kuburana ibye,Rumubaza;aliko;uzi neza ko uwo mulima baburana aruwa so ?

R.-Utuye mulibyo ndegera s/chef Rwamirera ni SENDUGU

Q.-SENDUGU uzi ko utuye mw'isambu yali ya Ntagwabira R.-Niyabo koko

Umugabo RUBANGO amaze kurahira Umwami Mutara ko atabeshya,kubbyazi kwisambu ya Sendugu n'imibyizi yakoreye Gatambiye,ati;nakoranye nawe kabili gusa,ubundi najyaga nohereza umugore n'umwana,nubwo twakoranye uwanjye gusa

Q.-Yahembwe iki ahinguye ? R.-Ntayo yakoreraga,ahubwo yakoreraga imilima atuye mo,kuko ngo imbago yaciye inyuma no haruguru y'urugo rwa Sendugu,igice kimwe cy'isambu ye kijya mw'isambu ya Rwamahungu,ikindi kiba icya Kanyarwunga,inzu rero ili mu kwa Rwamahungu n'imbere yeyo,naho inyuma ubu naha Rwamirera.

Q.-Harabandi batuye muliyo sambu ?

R.-~~BARAHALI~~ Barahali,SENDUGU-MURENGE ANTWARI- na BACURUWIHA

Uwa kabili MAKIRWE amaze kurahira Umwami Mutara ako atabeshya ati;twakoranye na Sendugu kabili gusa,icyo kandi ngo yakoreraga n'imilima atuye mo yagabiwe na Rwamahungu,undi utuye muliyo sambu ni Murengerentwari

Uwa gatatu GAKARAMA amaze kurahira Umwami Mutara ko atabeshya ati;ibyo nzi nuko twajyanye na Chef Bisalinkumi ategeka gutera intambwe mw'isambu yagabanyaga Rwamahungu na Kanyarwunga,ategeka kuzashinga imbibi nkuko asize abitegetse,nuwitwa SEGAHWEGE,ati;ukazabinyandikira,Chef ategeka Kanyarwunga kureka Bacuruwiha ku kandi kazi kose agakorera Rwamahungu,kuko aliwe wamuhaye umugore n'imilima,nawe Sendugu na Murengerantwari Chef ati Rwamahungu azabakoreshe uko ashaka nkabandi bagererwa

Q.-Uziko yakoreraga Gatambiye ?

R.-Ibyo nzi n'umulima namusanze mo gusa,n'ijambo Chef yavuze mpali.

Har'Abacamanza

Juge;ZIMULINDA (sé) Assesseurs;BISUMBUKUBOKO (sé) na;KARASIRA (sé)

Greffier :NIWEMPATSE.(sé)

Ruhengeri
3630

IRIZA RY'URUBANZA RWA SENDUGU NA GATAMBIYE RYO KUWA I8/I/58/ N°3262/4I/

Tumaze kubona matoleo N°4340 yuwa 6/I2/57/ yo mu Rukiko rwa Intara y Bukonya,Gatambiye na Sendugu bemera ko yanditse nkuko baburanye

Tumaze kumva ko Sendugu yababajwe nuko asenyerwa,kandi iyo sambu yar yiguranye na Rwamahungu,akayiha Biguri na Nzabahambya

Tumaze kumva ko Gatambiye avuga ko iyo sambu yayihawe naRwamahungu akayimuhana n'abantu yali yaratuje mo,bakajya bamukorera uko bakoreraga Rwama hungu

Tumaze kumva ko Gatambiye avuga ko Sendugu yamukoreye kubera iyo sambu,akaba abifitiye abagabo.

Tumaze kumva ~~imvuge~~ ko imvugo y'abagabo babili ba Gatambiye yemeza ko Sendugu yakoreye Gatambiye kubera iyo sambu,uwa gatatu agahakana avuga ko atazi ~~Sendugu~~ ko Sendugu yakoreye Gatambiye kuliyo sambu,aliko ko azi ko iyo sambu ali ya Rwamahungu,atuye mo

Tumaze kubona ko ~~abagabo~~ umugabo NTAGWABIRA ahagurutse agasegura iyo imilima avuga ko ali ~~a~~yabo,kandi ko yayiregeye kuli s/chef Rwamirera

Kubera izo mpamvu zose Urukiko rwa Territoire rubonye ababurana bomb bahali

~~Dushingiye~~ ku muco w'igihugu utuye mw'isambu yundi agomba kumukorera imilimo basezeranye atayikora akayivamo

Dukurikije umuco w'igihugu,iy'umuntu agabanye isambu,akagabana nabayituye mo,bamukorera nkuko bakoreraga nyirayo wa mbere

RUKIJIJE KO SENDUGU ATSINZWE;Apfiriwe na grama ye yo kurega,agatanga na 80Frs yuko ruciwe,azayatanga kuwa 25/I/58/ atayatanga agafungwa iminsi 4.C.C. akava mubye kungufu.

Birangiye bityo mu aso ya benshi mu Rukiko rwa Territoire ya Ruheng kuwa I8/I/58/

Har'Abacamanza

Juge:ZIMULINDA(sé) Assesseurs:BISUMBUKUBOKO(sé) na:KARASIRA (sé)

Greffier ;NIWEMPATSE.(sé)

Rwandukuwe uko rwanditse Gatonde le 22/9/59/

Le Greffier Adjoint KALIMWABO.A.-